**REPUBLIK Y'URWANDA**

**INTARA Y'UBURENGERAZUBA**
**AKARERE KA RUBAVU**
**P.O BOX 173 GISENYI**
**E-mail: info@rubavu.gov.rw**

# ITANGAZO RY'AKAZI

Ubuyobozi bw'Akarere ka Rubavu buramenyesha abantu bose bifuza kandi babifitiye ubushobozi ko bushaka guha akazi abantu cumi n'umunani mu rwego rushinzwe kunganira Akarere mu gucunga umutekano (DASSO).

**Ababikeneye bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:**

- Kuba ari umunyarwanda;
- Kuba abishaka;
- Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire;
- Kuba agejeje ku myaka cumi n'umunani (18yrs) kandi atarengeje imyaka makumyabiri n'itanu (25yrs);
- Kuba afite impamyabushobozi y'amashuri atandatu (6) yisumbuye;
- Kuba afite ubuzima buzira umuze bigaragazwa n'inyandiko za muganga wemewe na Leta;
- Kuba atarigeze akatirwa igihano ntakuka kingana cyangwa kirenze amezi atandatu;
- Kuba atarigeze yirukanwa burundu mu kazi cyangwa ngo asezererwe nta mpaka mu murimo uwo ari wo wose wa Leta;
- Kuba yiteguye gukorera mu mirenge yose igize akarere ka Rubavu

**Inyandiko zisaba akazi zigomba kuba zigizwe n'ibi bikurikira**:

- Ibaruwa isaba akazi yandikiwe umuyobozi w'akarere ka Rubavu;
- Icyangombwa kigaragaza ko atigeze afungwa
- Icyangombwa kigaragaza ko ari indakemwa mu mico no mu myifatire gitangwa n'ubugenzacyaha (RIB)
- Fotokopi y'impamyabumenyi y'amashuri atandatu yisumbuye (A2) itariho umukono wa noteri;
- Fotokopi y'irangamuntu cyangwa pasiporo;

Izo nyandiko zose zigomba kuba zatangiye kugezwa mu bunyamabanga rusange bw'Akarere ka Rubavu guhera kuwa kane tariki 07/03/2024 kugeza kuwa 21/3/2024 saa 14h00.

**Bikorewe i Rubavu, kuwa 04/03/2024**

AKARERE KA RUBAVU

**MULINDWA Prosper**
**Umuyobozi w'Akarere**